**DIOCESE CATHOLIQUE DE GIKONGORO**
**CARITAS GIKONGORO**
**B.P. 77 GIKONGORO**
**TEL:(+250) 785 650 568**
**E-mail : caritasgik@yahoo.fr**

# ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Caritas ya Diyosezi Gatolika ya Gikongoro iherereye mu karere ka Nyamagabe, Umurenge wa Gasaka, iramenyesha abantu n'inganda babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko ishaka gutanga isoko ryo kugura imirama/imyayi y'imboga yo gufasha abagenerwabikorwa bayo bahereye mu Karere ka Nyaruguru, umurenge wa Ruramba na Kivu. Ingano n'ubwoko bw'ibizagurwa biragaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

| N0 | Ibizagurwa | Ubwoko | Ingano |
|---|---|---|---|
| 1 | Umurama wa karoti | Nantaise -East Africa | Kg 14 |
| 2 | Umurama w'amashu | Pommé -Est Africa | Kg 14 |
| 3 | Umurama w'ibitunguru | Ognon rouge-cleoré | Kg 6 |
| 4 | Umurama wa beterave | Betterave -Est Africa | Kg 6 |

Abifuza gupiganira iryo soko barasabwa kugeza amabaruwa afunze neza arimo ibiciro handitseho: Gusaba gupiganira isoko ryo kugemura imirama y'imboga . Ayo mabaruwa agomba kuba yageze mu bunyamabanga bwa serivisi za Diyosezi Gatolika ya Gikongoro zikorera mu mugi wa Nyamagabe, cyangwa akoherezwa kuri email ikurikira: caritasgik@yahoo.fr, bitarenze tariki ya **27/04/2022 i saa sita zuzuye (12h00).**

upiganira isoko agomba kuba afite ibyangombwa bikurikira:

- Ibaruwa igaragaza ibiciro yandikiwe Padiri Umuyobozi wa Caritas ya Diyosezi Gatolika ya Gikongoro;
- Icyangombwa kigaragaza ko ari umucuruzi cyangwa uruganda rwanditse mu bitabo by'ubucuruzi
- Kugaragaza icyangombwa cy'uko atanga facture ya EBM;
- Kugaragaza ibiciro bya buri bwoko bw'imirama harimo n'ubwikorezi bwabyo kugera ku biro bya Caritas Gikongoro biherereye mu Kagali ka Nyamugali , Umurenge wa Gasaka mu Karere ka Nyamagabe;
- Kugaragaza icyangombwa cy'uko atari kuri lisiti ya ba bihemu;
- Gutanga icyangombwa kigaragaza ko nta mwenda abereyemo Leta;
- Kugaragaza ibyangombwa bitatu by'ahandi yakoze iyo mirimo n'agaciro kayo.

Bikorewe i Nyamagabe, ku wa 19/04/2022

Padiri Félicien HATEGEKIMANA
Umuyobozi wa Caritas Gikongoro

Diocèse de Gikongoro
Caritas Diocésaine